



## **Réseau Interdiocésain de Microfinance**

# **KIRAZIRA KU MUKOZI WA RIM Plc.**

- ❖ Kirazira guhutaza no kuvangura abakiriya ugendeye ku gitsina, aho bakomoka, idini basengeramo, ubumuga bafite cyangwa umutwe wa politiki bakomokamo.
- ❖ Kirazira nk'umukozi wa RIM Plc kuguza amafaranga umukiriya wa RIM Plc.
- ❖ Kirazira kwakira abakiriya ugendeye ku bindi bintu bitari ubunyangamugayo, imishinga yunguka n'ubushobozi bwo kwishyura.
- ❖ Kirazira kutarangwa n'ubunyangamugayo imbere y'abakiriya, no kugira abo uvangura cyangwa utonesha.
- ❖ Kirazira kwishyura servisi zakabaye zitangirwa ubuntu no kwakira impano izo arizo zose.
- ❖ Kirazira Kugira ibyo ukura ku mukiriya cyangwa gukoresha ububasha uhabwa n'akazi ukora kugirango ugire ibyo umukuraho.
- ❖ Kirazira Gufata nabi umukiriya, utamuha agaciro gakwiriye ikiremwa muntu.
- ❖ Kirazira Gukoresha telefoni mu gihe cyo kwakira umukiriya, mu gihe uri kumuhugura, iyo bibaye ibyihutirwa ubanza kumwihohoraho.
- ❖ Kirazira Guhutaza, gutera ubwoba, gutuka, gutesha agaciro umukiriya mu gihe cyo kumwishyura.
- ❖ Kirazira Guha umukiriya inguzanyo zirengeje ubushobozi bwe.
- ❖ Kirazira kwishyura umukiriya mu masaha atari ay'akazi (urugero nko kujya kumwishyura uzindutse atarabyuka).



**Réseau Interdiocésain de Microfinance**

## **KIRAZIRA KU BA KILIYA**

Abakiriya bafite inshingano zo kugira ibyo birinda kugirango bafatanye na RIM Plc kubarinda bagendera ku ndangagaciro na kirazira bikurikira:

- ❖ Kirazira guhitamo ubwoko bw'inguzanyo utabanje gusobanuza neza ibiyiranga ngo wumve neza niba ijyanye n'ibyifuzo byawe.
- ❖ Kirazira kuguriza umukozi wa RIM Plc amafaranga.
- ❖ Kirazira kwigwizaho imyenda cyangwa gufata inguzanyo nini irenze ubushobozi bwo kwishyura.
- ❖ Kirazira gufata inguzanyo mu izina ry'undi muntu.
- ❖ Kirazira kwishyura amafaranga kuri RIM Plc utazi icyo uyishyuriye n'uko yabazwe.
- ❖ Kirazira gufata inguzanyo ubona ko kuyishyura byaguhombya.
- ❖ Kirazira guha ruswa cyangwa impano iyo ariyo yose umukozi wa RIM Plc.
- ❖ Kirazira guhishira umukozi wa RIM Plc wagufashe nabi.
- ❖ Kirazira kwihererana ikibazo cy'imikorere kikubangamiye kuko hari uburyo bwashyizeho bwo kwikira no gukemua ibibazo by'abakiliya.